Section 4 : The Mediators

Article 159
(Amendment n° 2 of 08/12/2005)

There is hereby established a "Mediation Committee" responsible for mediating between parties to certain disputes involving matters determined by law prior to the filing of a case with the court of first instance.

The Mediation Committee shall comprise of persons of integrity and acknowledged for their mediating skills.

An organic law shall determine the organization, the territorial jurisdiction, the competence and the functioning of Mediation Committee. It shall also determine the number that comprise the mediation committee and the organ that elects it.

INTERURO YA V

IBYEREKEYE UBUSHINJACYAHA

UMUTWE WA MBERE : IBYEREKEYE UBUSHINJACYAHA BUKURU BWA REPUBULIKA (Ivugururwa n° 3 ryo ku wa 13/08/2008, ingingo ya 39)

Ingingo ya 160
(Ivugururwa n° 3 ryo ku wa 13/08/2008, ingingo ya 39)

Hashyizweho urwego rw'Ubushinjacyaha rwitwa "Ubushinjacyaha Bukuru ", mu byo rushinzwe harimo gukurikirana ibyaha mu Gihugu hose.

Rufite ubwigenge mu micungire y'abakozi n'imari byarwo.

Ingingo ya 161
(Ivugururwa n° 3 ryo ku wa 13/08/2008, ingingo ya 40)

Ubushinjacyaha Bukuru ni urwego rumwe. Bugizwe n'ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru, Ubushinjacyaha bwo ku rwego rwisumbuye n'Ubushinjacyaha bwo ku rwego rw'Ibanze.

Urwego rw'ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru, rugizwe n'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru wungirije n'abashinjacyaha bo ku rwego rw'Igihugu.

.

TITRE V

DU MINISTÈRE PUBLIC

CHAPITRE PREMIER : DU PARQUET GÉNÉRAL (RÉVISION N° 3 DU 13/08/2008, ARTICLE 39)

Article 160
(Ivugururwa n° 3 ryo ku wa 13/08/2008, ingingo ya 39)

Il est institué un Organe National de poursuite judiciaire chargé notamment de la poursuite des infractions sur tout le territoire national.

Il jouit de l'autonomie de gestion administrative et financière.

Article 161
(Révision n° 3 du 13/08/2008, article 40)

« L'Organe National de Poursuite Judiciaire constitue un organe unique. Il comprend un service appelé Bureau du Procureur Général et un service décentralisé au niveau de Grande Instance et de Base.

Le Bureau du Procureur Général est composé du Procureur Général, du Procureur Général Adjoint et des procureurs nationaux

TITLE V

PUBLIC PROSECUTION

CHAPTER ONE :NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY (Amendment n° 3 of 13/08/2008, Article 39)

Article 160
(Ivugururwa n° 3 ryo ku wa 13/08/2008, ingingo ya 39)

There is hereby established a National Public Prosecution responsible inter alia, for the investigation and prosecution of crimes committed in whole country.

The National Public Prosecution Authority shall enjoy administrative and financial autonomy.

Article 161
(Amendment n° 3 of 13/08/2008, Article 40)

The National Public Prosecution Authority is a single institution. It shall comprise the Office of the Prosecutor General, public prosecution at the intermediate level and public prosecution at the primary level.

The Office of the Prosecutor General shall be comprised of the Prosecutor General, the Deputy Prosecutor General and National Prosecutors.

Bagomba kuba bafite nibura impamyabumenyi ihanitse mu by'amategeko n'uburambe bw'imyaka umunani (8) mu kazi karebana n'amategeko, bakaba kandi baragaragayeho ubushobozi mu miyoborere y'Inzeko nkuru z'ubuyobozi.

Abafite impamyabumenyi y'ikirenga mu by'amategeko, bagomba kuba bafite uburambe nibura bw'imyaka itanu (5) mu mirimo yerekeye amategeko.

Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije, bashyirirwaho manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa rimwe gusa.

Abashinjacyaha bayobora Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye bashyirirwaho manda y'imyaka ine (4) ishobora kongerwa rimwe gusa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Abandi bashinjacyaha bashyirirwaho igihe cya manda kigenwe gishobora kongerwa buri gihe n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha mu buryo bugenwa n'itegeko ribagenga bamaze gukorerwa isuzumamikorere.

Ibyerekeye Imyifatire myiza n'ubunyangamugayo by'umushinjacyaha biteganywa n'amategeko yihariye abireba

Ils doivent avoir au moins un diplôme de licence en Droit et une expérience professionnelle de huit (8) ans au moins dans une profession juridique et avoir fait preuve d'aptitude dans l'administration d'institutions au plus haut niveau.

Pour les détenteurs d'un diplôme de Doctorat en Droit l'expérience professionnelle requise est de cinq (5) ans au moins dans une profession juridique.

Le Procureur Général et le Procureur Général Adjoint sont nommés pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable une seule fois.

Les Procureurs en chef au niveau de Grande Instance sont nommés pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois par le Conseil Supérieur de Poursuite Judiciaire.

Les autres Procureurs sont nommés pour une durée de mandat déterminée renouvelable à chaque fois par le Conseil Supérieur de Poursuite Judiciaire conformément aux dispositions de la loi portant leur statut après leur évaluation.

Les mécanismes de discipline et d'éthique de poursuite judiciaire sont déterminés par les lois spécifiques y relatives.

They must hold at least a Bachelor's degree in Law and have a working experience of eight (8) years in legal profession and proven ability of management of high-level institutions.

Holders of Doctoral degrees in law shall have at least five (5) years of experience in legal profession.

The Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General are appointed for a five (5) year term, wich shall be only once renewable.

The Chief Intermediate Prosecutors shall be appointed for a four (4) year term wich shall be only once renewable by the High Council of the Public Prosecution.

Other Prosecutors shall be appointed for a fixed term of office renewable every time by the High Council of the Public Prosecution in accordance with provisions of the law relating to their status and upon their evaluation.

Specific and relevant laws shall determine professional conduct and accountability requirements for prosecutors.

Umushinjacyaha Mukuru ayobora kandi agahuza imirimo y'Ubushinjacyaha Bukuru.

Umushinjacyaha Mukuru ashobora guha buri mushinjacyaha amabwiriza yanditse. Icyakora nta bubasha afite bwo kubuza umushinjacyaha kuba yakurikirana umuntu, kugira ngo abe ari we ubwe umwikurikiranira.

Itegeko ngenga rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Ubushinjacyaha Bukuru.

Itegeko ryihariye rishyiraho amategeko agenga abashinjacyaha n'abakozi bo mu bushinjacyaha".

Le Procureur Général dirige et coordonne les activités de l'Organe National de Poursuite Judiciaire.

Le Procureur Général peut donner des injonctions écrites à tout Officier de Poursuite Judiciaire. Cependant ce pouvoir n'emporte pas le droit de dessaisir le Procureur des dossiers à instruire dans leurs ressorts respectifs pour se substituer à eux.

Une loi organique détermine l'organisation, les compétences et le fonctionnement de l'Organe National de Poursuite Judiciaire.

Une loi particulière régit le statut des Officiers de Poursuite Judiciaire et autre personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire ».

The Proecutor General shall direct and coordinate activities of the National Public Prosecution Authority.

The Prosecutor General may give written instructions to any Prosecutor. However, he/she has no powers to give instructions to a Prosecutor to refrain from prosecuting any person and to refer the matter to him or herself.

An organic law shall determine the organization, powers and functioning of the National Public Prosecution Authority.

The statute of prosecutors and other personnel of the National Public Prosecution Authority shall be governed by a specific law".

Ingingo ya 162
(Ivugururwa n° 3 ryo ku wa 13/8/2008, ingingo ya 41)

"Ubushinjacyaha Bukuru bugengwa mu mirimo yabwo na Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze.

Mu byerekeranye no gukurikirana ibyaha, Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze agena politiki rusange kandi ashobora, mu nyungu rusange z'akazi, guha Umushinjacyaha Mukuru, amabwiriza yanditse amutegeka cyangwa amubuza gukurikirana.

Ashobora kandi, iyo byihutirwa, mu nyungu rusange, guha Umushinjacyaha uwo ari we wese amabwiriza yanditse amutegeka cyangwa amubuza gukurikirana akabimenyesha Umushinjacyaha Mukuru.

Abashinjacyaha bafite ubwigenge ku baburanyi no ku bacamanza b'Inkiko."

Article 162
(Révision n° 3 du 13/8/2008, article 41)

« L'Organe National de Poursuite Judiciaire est placé sous l'autorité du Ministre ayant la justice dans ses attributions.

En matière de poursuite d'infractions, le Ministre ayant la justice dans ses attributions définit la politique générale et peut, dans l'intérêt général du service, donner des injonctions écrites de poursuite ou de non poursuite au Procureur Général.

Il peut également, en cas d'urgence et dans l'intérêt général, donner des injonctions écrites à tout procureur lui obligeant de mener ou ne pas mener une action publique et en réserve copie au Procureur Général.

Les Officiers de Poursuite Judiciaire sont pleinement indépendants des parties et des Magistrats du siège. »

Article 162
(Amendment n° 3 of 13/8/2008, Article 41)

"The National Public Prosecution Authority shall be under the authority of the Minister in charge of justice.

In matters relating to prosecution of offences, the Minister in charge of justice shall determine general policy and may, for public interest, issue written instructions to the Prosecutor General to undertake or refrain from investigating and prosecuting of an offence.

He/she may also, in cases of urgency and in public interest, issue written instructions to any prosecutor to investigate and prosecute or refrain from investigating and prosecuting an offence and inform the Prosecutor General of such instructions.

Prosecutors shall be independent from parties to judicial proceedings and judges."

UMUTWE WA II : IBYEREKEYE UBUSHINJACYAHA BWA GISIRIKARE

Ingingo ya 163

Hashyizweho Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bushinzwe gukurikirana ibyaha bikozwe n'abantu baburanishwa n'inkiko za gisirikare. Bukurikirana ibyaha biburanishwa mu nkiko za Gisirikare.

Ingingo ya 164

Ubushinjacyaha bwa Gisirikare buyoborwa n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare yunganiwe n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare wungirije.

Itegeko ngenga rigena imiterere, ububasha n'imikorere y'Ubushinjacyaha bwa gisirikare.

CHAPITRE II : DE L'AUDITORAT MILITAIRE

Article 163

Il est institué un Auditorat Militaire chargé de la poursuite des infractions commises par les personnes justiciables des juridictions militaires. Il exerce l'action publique devant les juridictions militaires.

Article 164

L'Auditorat Militaire est dirigé par un Auditeur Général Militaire assisté d'un Auditeur Général Militaire Adjoint.

Une loi organique détermine l'organisation, la compétence et le fonctionnement de l'Auditorat Militaire.

CHAPTER II : MILITARY PROSECUTION DEPARTMENT

Article 163

There is hereby established the Military Prosecution Department responsible for the prosecution of offences committed by persons subject to the jurisdiction of military courts. It investigates and prosecutes offences before military courts.

Article 164

The Military Prosecution Department is headed by the Military Prosecutor General assisted by the Deputy Military Prosecutor General.

An organic law determines the organization, powers and functioning of the military prosecution department.

UMUTWE WA III : IBYEREKEYE INAMA NKURU Y'UBUSHINJACYAHA

Ingingo ya 165
(Ivugururwa n° 2 ryo ku wa 08/12/2005)

Hashyizweho Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha igizwe n'aba bakurikira :

1° Minisitiri w'Ubutabera, ari na we uyiyobora;
2° Umushinjacyaha Mukuru;
3° Umushinjacyaha Mukuru wungirije;
4° Umushinjacyaha umwe wo ku rwego rw'Igihugu ;
5° Komiseri Mukuru wa Polisi y'Igihugu ;
6° Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;
7° Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare n'umwungirije;
8° Abashinjacyaha bo ku rwego rwisumbuye n'abo ku rwego rw'ibanze bahagarariye bagenzi babo;
9° Abayobozi babiri (2) b'amashami y'amategeko muri Kaminuza no mu mashuri makuru yemewe batorwa na bagenzi babo;
10° Umuyobozi w'Urugaga rw'Abavoka;
11° Umuvunyi Mukuru.

CHAPITRE III : DU CONSEIL SUPÉRIEUR DU PARQUET

Article 165
(Révision n° 2 du 08/12/2005)

Il est institué un Conseil Supérieur de poursuite judiciaire.

Le Conseil Supérieur de poursuite judiciaire est composé de membres suivants :

1° le Ministre de la Justice, qui en est Président;
2° le Procureur Général;
3° le Procureur Général Adjoint;
4° un Procureur national élu par ses pairs;
5° le Commissaire Général de la Police Nationale;
6° le Président de la Commission Nationale des droits de la personne;
7° l'Auditeur Général Militaire et son adjoint;
8° Des Représentants des Procureurs et Officiers de poursuite judiciaire au niveau de grande instance et de base ;
9° deux Doyens des Facultés de Droit des universités et Institutions d'enseignement supérieur-agréées et élus par leurs pairs ;
10° le Bâtonnier de l'Ordre des Avocats ;
11° l'Ombudsman.

CHAPTER III : THE SUPREME COUNCIL OF THE PROSECUTION

Article 165
(Amendment n° 2 of 08/12/2005)

There is hereby instituted the High ouncil of the Prosecution.

The High Council of Public Prosecutiion shall comprise the following members.

1° the Minister of Justice, who is the Chairperson;
2° the Prosecutor General;
3° the Deputy Prosecutor General;
4° A National Prosecutor elected by his/her peers
5° the Commissioner General of National Police;
6° the President of the National Commission of Human Rights;
7° the Military Prosecutor General and his/her deputy;
8° prosecutors at intermediate and primary levels representing their peers;
9° two (2) deans of the Faculties of Law of recognised universities and institutions of higher learning elected by their peers;
10° the President of the Bar Association;
11° the Ombudsman

Itegeko ngenga risobanura imiterere, ububasha n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha. Rigena kandi umubare w'abashinjacyaha bahagarariye bagenzi babo bavugwa mu gace ka 8 k'iyi ngingo.

Ingingo ya 166

Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika n'Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika wungirije barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika, abagize Inteko Ishinga Amategeko bahari.

Abandi bashinjacyaha barahirira imbere y'abayobozi bavugwa mu itegeko ribagenga.

INTERURO YA VI :

IBYEREKEYE UBUTEGETSI BW'IBANZE

UMUTWE WA MBERE : IBYEREKEYE INGINGO RUSANGE

Ingingo ya 167
(Ivugururwa n° 2 ryo ku wa 08/12/2005)

Ubutegetsi bwa Leta bwegerezwa abaturage mu nzego z'ibanze hakurikijwe Itegeko. Bukurikiranwa na Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo.

Une loi organique détermine l'organisation, la compétence et le fonctionnement du Conseil Supérieur de poursuite judiciaire ainsi que le nombre de représentants des Procureurs indiqués au point 8° du présent article..

Article 166

Le Procureur Général de la République et le Procureur Général de la République Adjoint prêtent serment devant le Président de la République en présence des membres du Parlement.

Les autres Officiers du Ministère Public prêtent serment devant les autorités indiquées par la loi les régissant.

TITRE VI :

DES POUVOIRS DECENTRALISES

CHAPITRE PREMIER: PRINCIPES GENERAUX

Article 167
(Révision n° 2 du 08/12/2005)

Les pouvoirs de l'Etat sont décentralisés au profit des entités administratives locales conformément à une loi. Ces pouvoirs relèvent du Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions.

An organic law shall determine the organization, powers and functioning of the Higher Council of the Public Prosecution it shall also determine the number of Prosecutors representing their peers mentioned in point 8° of this article..

Article 166

The Prosecutor General of the Republic and the Deputy Prosecutor General of the Republic shall take the oath of office before the President of the Republic in the presence of the Members of Parliament.

Other prosecutors shall take oath before the authorities specified by the law.

TITLE VI :

THE DECENTRALISED AUTHORITIES.

CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS

Article 167
(Amendment n° 2 of 08/12/2005)

Public administration shall be decentralized in accordance with the provisions of the law. Decentralized entities shall fall under the Ministry in charge of local government.

Itegeko rigena Inzego z'imitegekere y'Igihugu ku rwego rw'ibanze zegereye abaturage zifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu byerekeye ubutegetsi n'imari. Izo nzego ni zo shingiro ry'iterambere ry'abaturage.

Inzego z'ibanze zifite ubuzimagatozi zifite uburenganzira bwo kuba abanyamuryango b'ingaga zo mu gihugu cyangwa mpuzamahanga ziharanira guteza imbere ubuyobozi bwegereye abaturage.

Itegeko rigena imitunganyirize, imikorere n'imikoranire y'izo nzego n'izindi nzego zinyuranye zifite uruhare mu miyoberere no mu iterambere ry'Igihugu. Itegeko riteganya kandi uko Guverinoma yegurira izo nzego ububasha, umutungo n'ibindi byangombwa.

UMUTWE WA II : IBYEREKEYE INAMA Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO

Ingingo ya 168

(Ivugururwa n° 2 ryo ku wa 08/12/2005)

Hashyizweho "Inama y'Igihugu y'Umushyikirano". Ihuza Perezida wa Repubulika n'abahagarariye Inama Njyanama z'Inzego z'Ibanze zifite ubuzimagatozi batorwa na bagenzi babo. Iyoborwa na Perezida wa Repubulika ikaba kandi irimo n'abagize Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko n'abandi Perezida wa Repubulika yagena. Umubare w'abahagarariye Inama Njyanama z'Inzego z'Ibanze zifite ubuzimagatozi mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ugenwa na Perezida wa Repubulika.

Une loi détermine les entités administratives locales décentralisées dotées de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière. Ces entités constituent la base du développement communautaire.

Les entités administratives locales dotées de la personnalité juridique peuvent adhérer à des organisations nationales ou internationales œuvrant en matière de décentralisation.

Une loi détermine l'organisation, le fonctionnement de ces entités décentralisées et leurs relations avec d'autres organes participant à l'administration et au développement du pays. Une loi organise le transfert de compétences, de ressources et d'autres moyens du Gouvernement central aux entités décentralisées.

CHAPITRE II : DU CONSEIL NATIONAL DE DIALOGUE

Article 168

(Révision n° 2 du 08/12/2005)

Il est institué un « Conseil National de Dialogue». Il réunit le Président de la République et les représentants des Conseils des entités administratives locales dotées de la personnalité juridique élus par leurs pairs. Il est présidé par le Président de la République en présence des membres du Gouvernement, du Parlement ainsi que d'autres personnes que pourrait désigner le Président de la République. Le nombre des représentants des Conseils des entités administratives locales dotées de la personnalité juridique au sein du Conseil National de Dialogue est déterminé par le Président de la République.

The law determines decentralized local administrative entities with legal status and administrative and financial autonomy. Such entities are basic foundation of community development.

Local administrative entities with legal status shall be entitled to become members of national and international organisations which promote development through decentralisation.

A law determines the organisation, the functioning and the collaboration between these organs and various other organs which have a role in the administration and development of the country. A law shall also determine the manner in which the Government transfers powers, property and other resources to decentralized entities.

CHAPTER II : THE NATIONAL DIALOGUE COUNCIL

Article 168

(Amendment n° 2 of 08/12/2005)

There is hereby established a "National Council of Dialogue". It shall bring together the President of the Republic and representatives of councils of local administrative entities with legal status elected by their peers. It shall be chaired by the President of the Republic and be attended by members of the Cabinet and Parliament, and such others as may be determined by the President of the Republic. The number of representatives of councils of local administrative entities with legal status in the National Council of dialogue is determined by the President of the Republic.

Iyo nama iterana nibura rimwe (1) mu mwaka. Mu bibazo isuzuma harimo ibyerekeye uko Igihugu n'Ubuyobozi bw'ibanze bimeze ndetse n'ibyerekeye ubumwe bw'Abanyarwanda.

Imyanzuro y'iyo Nama ishyikirizwa inzego zibishinzwe kugira ngo zirusheho gutunganya imirimo zikorera abaturage.

INTERURO YA VII IBYEREKEYE UMUTEKANO NO KURINDA IGIHUGU

Ingingo ya 169

Leta ifite inzego zishinzwe umutekano zikurikira:

1° Polisi y'Igihugu;
2° Urwego rw'Igihugu rushinzwe umutekano;
3° Ingabo z'Igihugu.

Itegeko rishobora kugena izindi nzego z'umutekano.

UMUTWE WA MBERE : IBYEREKEYE POLISI Y'IGIHUGU

Ingingo ya 170

Polisi y'Igihugu ifite ububasha mu gihugu cyose.

Igomba gukorera abaturage ishingiye cyane cyane ku mahame akurikira :

Le Conseil se réunit au moins une (1) fois par an. Il débat entre autres des questions relatives à l'état de la Nation, l'état des pouvoirs locaux et de l'unité nationale.

Les recommandations issues dudit Conseil sont transmises aux institutions et services concernés afin d'améliorer les services rendus à la population

TITRE VII DE LA SECURITE ET DE LA DEFENSE NATIONALES

Article 169

L'Etat dispose des organes de sécurité ci-après :

1° la Police Nationale;
2° le Service National de Sécurité;
3° les Forces Rwandaises de Défense.

La loi peut déterminer d'autres organes de sécurité.

CHAPITRE PREMIER : DE LA POLICE NATIONALE

Article 170

La Police Nationale exerce ses compétences sur l'ensemble du territoire national.

Elle doit servir le peuple notamment sur base des principes suivants :

The Council shall meet at least once a year. It shall debate, among others, on issues relating to the state of the Nation, the state of local governments and the national unity.

Resolutions of the Council are submitted to the concerned state institutions to enable them to improve their services to the population.

TITLE VII NATIONAL DEFENCE AND SECURITY

Article 169

The State has the following security organs :

1° The National Police;
2° The National Security Service;
3° The Rwanda Defence Forces.

A law may determine other security organs.

CHAPTER ONE : THE NATIONAL POLICE

Article 170

The National Police exercises its authority over the entire national territory.

It must serve the people particularly on the basis of the following principles:

1° kubumbatira uburenganzira bw'ibanze buteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
2° imikoranire myiza ya Polisi y'Igihugu n'imbaga y'abaturage;
3° kumva ko igenzurwa n'abaturage bose;
4° kugaragariza abaturage imyubahirize y'inshingano zayo.

Ingingo 171

Polisi y'Igihugu ifite inshingano z'ingenzi zikurikira :

1° kugenzura ko amategeko yubahirizwa;
2° kubungabunga Umutekano imbere mu Gihugu;
3° kurinda Umutekano w'Abantu n'uw'ibintu byabo;
4° kwihutira gutabara iyo habaye amakuba, ibyago cyangwa impanuka;
5° kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko agenga ikirere, imipaka n'amazi;
6° kurwanya iterabwoba;
7° kugira uruhare mu bikorwa bigarura amahoro mu rwego mpuzamahanga, by'ubutabazi n'iby'amahugurwa.

1° la sauvegarde des droits fondamentaux définis par la Constitution et la loi ;
2° la coopération entre la Police Nationale et la communauté nationale ;
3° la responsabilité de la Police Nationale devant la communauté;
4° tenir informée la population de l'exécution de sa mission.

Article 171

La Police Nationale dispose des principales attributions suivantes :

1° assurer le respect de la loi ;
2° maintenir et rétablir l'ordre public;
3° assurer la sécurité des personnes et de leurs biens;
4° intervenir sans délai en cas de calamités, de catastrophes et de sinistres;
5° assurer la police de l'air, des frontières et des eaux;
6° combattre le terrorisme;
7° participer aux missions internationales de maintien de la paix, de secours et de perfectionnement.

1° safeguarding the fundamental rights guaranteed by the Constitution and the law ;
2° harmonious collaboration between the National Police and the community which it serves ;
3° the accountability of the National Police to the community ;
4° informing the population on how the Police is fulfilling its mission.

Article 171

The National Police has the following functions:

1° ensuring compliance with the law ;
2° maintenance of internal public order ;
3° ensuring security of person and property;
4° providing urgent humanitarian assistance in case of disasters, calamities and accidents;
5° ensuring respect for the law relating to air space, borders and waters;
6° combating terrorism ;
7° participating in international peace keeping missions, humanitarian assistance and training.

Itegeko rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha bya Polisi y'Igihugu.

UMUTWE WA II : IBYEREKEYE URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE UMUTEKANO

Ingingo ya 172

Hashyizweho Urwego rw'Igihugu rushinzwe umutekano. Mu nshingano zarwo harimo :

1° kugena no gukurikirana imirimo y'iperereza ry'imbere mu gihugu no hanze yacyo;
2° gusesengura ingaruka z'ibibazo mpuzamahanga ku mutekano w'Igihugu ;
3° kwita ku bibazo byose byerekeye abinjira n'abasohoka mu Gihugu ;
4° guha Guverinoma inama n'ibitekerezo ku bibazo byose byerekeye umutekano w'Igihugu.

Itegeko rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Umutekano.

Une loi détermine l'organisation, le fonctionnement et la compétence de la Police Nationale.

CHAPITRE II : DU SERVICE NATIONAL DE SECURITE

Article 172

Il est institué un Service National de Sécurité chargé notamment de :

1° organiser le service de renseignements intérieurs et extérieurs ;
2° analyser les incidences des problèmes internationaux sur la sécurité nationale ;
3° traiter toutes les questions relatives à l'immigration et émigration ;
4° donner au Gouvernement des avis et conseils sur toute question relative à la sécurité nationale.

Une loi détermine l'organisation, le fonctionnement et la compétence du Service National de Sécurité.

The law determines the organization, functioning and powers of the National Police.

CHAPTER II : THE NATIONAL SECURITY SERVICE

Article 172

There is hereby established a National Security Service. Its responsibilities shall include, inter alia :

1° organizing and supervising intelligence inside and outside the country;
2° analysing the impact of international affairs on national security;
3° dealing with all issues relating to immigration and emigration;
4° advising the Government on all issues concerning national security.

The law determines the organisation, functioning and powers of the National Security Service.

UMUTWE WA III : IBYEREKEYE INGABO Z'IGIHUGU

Ingingo ya 173
(Ivugururwa n°3 ryo ku wa 13/8/2008,ingingo ya 43)

: Kurinda Igihugu bikorwa n'Ingabo z'Igihugu z'umwuga zitwa "Ingabo z'Igihugu". Ingabo z'Igihugu zigizwe n'Ingabo zirwanira ku butaka, ingabo zirwanira mu kirere n'abarezerivisiti. Zifite inshingano zikurikira

1° kurinda ubusugire n'ubwigenge by'Igihugu;
2° gukorana n'izindi nzego z'umutekano mu kubumbatira no kugarura ituze rusange rya rubanda no kubahiriza amategeko;
3° gufasha mu bikorwa by'ubutabazi igihe cyose habaye ibyago mu Gihugu;
4° gutanga umusanzu mu iterambere ry'Igihugu;
5° kugira uruhare mu bikorwa bigarura amahoro mu rwego mpuzamahanga, iby'ubutabazi n'iby'amahugurwa.

Itegeko rigena imiterere n'ububasha by'Ingabo z'Igihugu.

CHAPITRE III : DES FORCES RWANDAISES DE DEFENSE

Article 173
(Révision n°3 du 13/8/2008 ,article 43)

« La défense nationale est assurée par une armée nationale de métier, dénommée « Forces Rwandaises de Défense ». Les Forces Rwandaises de Défense comprennent l'Armée de Terre, l'Armée de l'Air et l'Armée de Réserve. Elle a pour mission de :

1° défendre l'intégrité territoriale et la souveraineté nationale ;
2° participer en collaboration avec d'autres institutions de sécurité, aux opérations de maintien et de rétablissement de l'ordre public ainsi qu'à l'exécution des lois ;
3° participer aux actions de secours en cas de calamité ;
4° contribuer au développement du pays ;
5° participer aux missions internationales de maintien de la paix, de secours et de perfectionnement.

Une loi détermine l'organisation et la compétence des Forces Rwandaises de Défense.

CHAPTER III : RWANDA DEFENCE FORCES

Article 173
(Amendment n°3 of 13/8/2008 ,Article 43)

National defence is the responsibility of a professional military force known as the "Rwanda Defence Forces". The Rwanda Defence Forces shall comprise of the Rwanda Army, the Rwanda Air Forces and the Rwanda Defence Forces Reserve. It shall have the following attributions:

1° to defend the territorial integrity and national sovereignty of the Republic;
2° to collaborate with other security organs in safeguarding public order and enforcement of the law;
3° to participate in humanitarian activities in case of disasters;
4° to contribute to the development of the country;
5° to participate in international peace keeping missions, humanitarian assistance and training.

A law determines the organization and powers of the Rwanda Defence Forces.

Ingingo ya 174
(Ivugururwa n°3 ryo ku wa 13/8/2008,ingingo ya 44)

Umugaba Mukuru w'Ingabo z'Igihugu ni we ushinzwe ibikorwa n'ubuyobozi by'Ingabo z'Igihugu muri rusange**.**

Ingingo ya 175
(Ivugururwa n°3 ryo ku wa 13/8/2008,ingingo ya 45)

Leta y'u Rwanda ishobora kugabanya umubare w'abagize Ingabo z'Igihugu igihe bibaye ngombwa. Ishobora kandi gukura ku murimo, gusubiza mu buzima busanzwe cyangwa kwirukana bamwe mu bagize Ingabo z'Igihugu. Itegeko riteganya uburyo bikorwa

INTERURO YA VIII

IBYEREKEYE ZA KOMISIYO N'INZEGO ZIHARIYE

UMUTWE WA MBERE :IBYEREKEYE INGINGO RUSANGE

Ingingo ya 176

Hashyizweho za Komisiyo n'inzego zihariye zishinzwe gufasha gukemura ibibazo bikomeye by'Igihugu.

Itegeko ngenga rishobora gushyiraho izindi Komisiyo n'izindi nzego z'ubuyobozi zihariye.

Article 174
(Révision n°3 du 13/8/2008 ,article 44)

Le Chef d'Etat Major Général est chargé des opérations et de l'administration générale des Forces Rwandaises de Défense.

Article 175
(Révision n°3 du 13/8/2008 ,article 45)

« L'Etat Rwandais peut, en cas de besoin, procéder à la réduction des effectifs des Forces Rwandaises de Défense. Il peut également relever de leurs fonctions, démobiliser ou révoquer les éléments des Forces Rwandaises de Défense. Une loi en détermine les modalités. »

TITRE VIII

DES COMMISSIONS ET ORGANES SPECIALISES

CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES

Article 176

Il est créé des Commissions et des Organes spécialisés chargés de contribuer à régler des problèmes majeurs du pays.

Une loi organique peut créer d'autres Commissions et Organes spécialisés.

Article 174
(Amendment n°3 of 13/8/2008 ,Article 44)

The Chief of Defense Staff shall be responsible for the operations and general administration of the Rwanda Defence Forces.

Article 175
(Amendment n°3 of 13/8/2008 ,Article 45)

. The Government of Rwanda can downsize the Defence Force where it is deemed necessary. The Government can also discharge, demobilize or dismiss members of the Rwanda Defence Forces. A law shall determine procedures for such actions."

TITLE VIII

SPECIAL COMMISSIONS AND ORGANS

CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS

Article 176

There are hereby established Commissions and specialized organs with responsibility of helping in resolving major issues facing the country.

An organic law may establish other Commissions and specialized organs.

UMUTWE WA II : IBYEREKEYE KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Ingingo ya 177

Komisiyo y'Igihugu y'uburenganzira bwa Muntu ni urwego rw'Igihugu rwigenga. Mu byo rushinzwe harimo ibi bikurikira :

1° kwigisha no gukangurira abaturage ibyerekeye uburenganzira bwa muntu;
2° gusuzuma ihungabanywa ry'uburenganzira bwa muntu mu Rwanda rikozwe n'inzego za Leta, abantu bitwaje imirimo ya Leta bashinzwe, amashyirahamwe n'abantu ku giti cyabo ;
3° gukora iperereza ku ihungabanywa ry'uburenganzira bwa muntu no kuregera inkiko zibishinzwe;
4° gukora no gusakaza raporo, ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Rwanda buri mwaka, n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa muntu ishyikiriza buri mwaka Inteko Ishinga Amategeko porogaramu na raporo z'ibikorwa byayo ikagenera kopi izindi nzego za Leta ziteganywa n'itegeko.

Itegeko rigena ibyerekeye imiterere n'imikorere by'iyo Komisiyo.

CHAPITRE II : DE LA COMMISSION NATIONALE DES DROITS DE LA PERSONNE

Article 177

La Commission Nationale des Droits de la Personne est une institution nationale indépendante chargée notamment de :

1° éduquer et sensibiliser la population aux droits de la personne ;
2° examiner les violations des Droits de la personne commises sur le territoire rwandais par des organes de l'Etat, des personnes agissant sous le couvert de l'Etat, des organisations et des individus ;
3° faire des investigations sur des violations des droits de la personne et saisir directement les juridictions compétentes ;
4° établir et diffuser largement un rapport annuel et aussi souvent que nécessaire sur l'état des droits de la personne au Rwanda;

La Commission Nationale de Droits de la personne adresse chaque année au Parlement, le programme et le rapport annuel d'activités de la Commission et en réserve copie aux autres organes de l'Etat déterminés par la loi.

Une loi fixe les modalités d'organisation et le fonctionnement de la Commission.

CHAPTER II : THE NATIONAL COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS

Article 177

The National Commission for Human Rights shall be an independent national institution. Its responsibilities shall include the following :

1° educating and mobilizing the population on matters relating to human rights;
2° examining the violations of human rights committed on Rwandan territory by State organs, public officials using their duties as cover, by organizations and by individuals;
3° carrying out investigations of human rights abuses in Rwanda and filing complaints in respect thereof with the competent courts;
4° preparing and disseminating an annual and other reports as may be necessary on the situation of human rights in Rwanda;

The National Commission for Human Rights submits each year its program and activity report to the Parliament and provides copies thereof to such State organs as may be determined by a law.

A law shall determine matters relating to the organization and the functioning of the Commission.

UMUTWE WA III : IBYEREKEYE KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

Ingingo ya 178
(Ivugururwa n°3 ryo ku wa 13/8/2008,ingingo ya 46)

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ni urwego rw'Igihugu rwigenga. Mu byo rushinzwe harimo cyane cyane :

1° gutegura no guhuza gahunda y'ibikorwa by'igihugu bigamije gushimangira ubumwe n'ubwiyunge;
2° gushyiraho no guteza imbere uburyo bwo kugarura no gushimangira ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;
3° guhugura no gukangurira abaturage ibyerekeye ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;
4° gukora ubushakashatsi, gukoresha ibiganiro mpaka, gusakaza ibitekerezo, no gutangaza inyandiko zerekeye amahoro, ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;
5° gutanga ibitekerezo ku bikorwa byarandura amacakubiri mu Banyarwanda kandi bigashimangira ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;
6° kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'imvugo bigamije gukurura ivangura iryo ari ryo ryose, kutorohera no kutihanganira abanyamahanga;

CHAPITRE III : DE LA COMMISSION NATIONALE DE L'UNITE ET LA RECONCILIATION

Article 178
(Révision n°3 du 13/8/2008 ,article 46)

La Commission Nationale de l'Unité et la Réconciliation est une institution nationale indépendante chargée notamment de :

1° concevoir et coordonner le programme national pour la promotion de l'unité et la réconciliation nationales;
2° mettre en place et développer les voies et moyens de nature à restaurer et consolider l'unité et la réconciliation parmi les Rwandais ;
3° éduquer et sensibiliser la population rwandaise à l'unité et la réconciliation nationales ;
4° effectuer des recherches, organiser des débats, diffuser des idées et faire des publications sur la paix, l'unité et la réconciliation nationales ;
5° formuler des propositions sur les meilleures actions susceptibles d'éradiquer les divisions entre les Rwandais et renforçant l'unité et la réconciliation nationales ;
6° dénoncer et combattre les actes, les écrits et le langage susceptibles de véhiculer toute forme de discrimination, d'intolérance et de xénophobie ;

CHAPTER III : THE NATIONAL UNITY AND RECONCILIATION COMMISSION

Article 178
(Amendment n°3 of 13/8/2008 ,Article 46)

The National Unity and Reconciliation Commission is an independent national institution. Its responsibilities shall include the following in particular:

1° preparing and coordinating the national programme for the promotion of national unity and reconciliation;
2° putting in place and developing ways and means to restore and consolidate unity and reconciliation among Rwandans;
3° educating and mobilizing the population on matters relating to national unity and reconciliation;
4° carrying out research, organizing debates, disseminating ideas and making publications relating to peace, national unity and reconciliation;
5° making proposals on measures that can eradicate divisions among Rwandans and to reinforce national unity and reconciliation;
6° denouncing and fighting against acts, writings and utterances which are intended to promote any kind of discrimination, intolerance or xenophobia;

7° gukora raporo buri mwaka, n'igihe cyose bibaye ngombwa ku byerekeye ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ishyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika na Sena porogaramu na raporo z'ibikorwa byayo ikagenera kopi izindi nzego za Leta ziteganywa n'itegeko.

Itegeko rigena imiterere n'imikorere by'iyo Komisiyo.

UMUTWE WA IV :IBYEREKEYE KOMISIYO Y'IGIHUGU YO KURWANYA JENOSIDE

Ingingo ya 179
(Ivugururwa n°3 ryo ku wa 13/8/2008,ingingo ya 47)

Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya jenoside ni urwego rw'Igihugu rwigenga ; mu byo rushinzwe harimo ibi bikurikira :

1° gushyiraho uburyo buhoraho bwo kungurana ibitekerezo ku byerekeye jenoside, ingaruka zayo n'ingamba zigamije kuyirinda no kuyirandurana n'imizi;

7° faire rapport annuellement et chaque fois que de besoin sur l'état de l'unité et la réconciliation nationales.

La Commission Nationale de l'Unité et la Réconciliation adresse chaque année au Président de la République et au Sénat le programme et le rapport d'activités et en réserve copies aux autres organes de l'Etat déterminés par la loi.

Une loi détermine l'organisation et le fonctionnement de la Commission.

CHAPITRE IV : DE LA COMMISSION NATIONALE DE LUTTE CONTRE LE GENOCIDE

Article 179
(Révision n°3 du 13/8/2008 ,article 47)

La Commission Nationale de lutte contre le génocide est une institution publique autonome chargée notamment de :

1° organiser une réflexion permanente sur le génocide, ses conséquences et les stratégies de sa prévention et de son éradication ;

7° making an annual report and such other reports as may be necessary on the situation of national unity and reconciliation.

The National Unity and Reconciliation Commission shall submit each year its program and activity report to the President of the Republic and the Senate and provide a copy thereof to such other State organs as may be determined by law.

A law shall determine the organization and functioning of the Commission.

CHAPTER IV : THE NATIONAL COMMISSION FOR THE FIGHT AGAINST GENOCIDE

Article 179
(Amendment n°3 of 13/8/2008 ,Article 47)

The National Commission For the Fight Against Genocide shall be in an independent national organ. Its responsibilities include the following :

1° to organize a permanent framework for the exchange of ideas on genocide, its consequences and the strategies for its prevention and eradication;

2° gushyiraho ikigo cy'ubushakashatsi, ububikoshakiro n'isomero ry'inyandiko zerekeye jenoside;
3° ; kuvuganira abacitse ku icumu rya jenoside yakorewe Abatutsi haba mu Gihugu cyangwa hanze yacyo;
4° gutegura no guhuza ibikorwa byose bigamije kwibuka jenoside yakorewe Abatutsi
5° gufatanya n'izindi nzego z'Igihugu cyangwa z'amahanga bisangiye intego.

Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya jenoside ishyikiriza buri mwaka Inteko Ishinga Amategeko na Guverinoma porogaramu na raporo z'ibikorwa byayo ikagenera kopi izindi nzego za Leta ziteganwa n'itegeko.

Itegeko rigena ibyerekeye imiterere n'imikorere ya Komisiyo.

2° mettre en place un centre de recherche et de documentation sur le génocide ;
3° plaider la cause des rescapés du génocide perpetré contre les Tutsi à l'intérieur comme à l'extérieur du pays ;
4° concevoir et coordonner toutes les activités en vue de perpétuer la mémoire du génocide perpetré contre les Tutsi;
5° entretenir des relations avec d'autres institutions nationales et internationales qui partagent la même mission.

La Commission Nationale de lutte contre le génocide adresse chaque année le programme et le rapport d'activités au Parlement et au Gouvernement et en réserve copie aux autres organes de l'Etat déterminés par la loi.

Une loi détermine les modalités d'organisation et de fonctionnement de la Commission.

2° to initiate the creation of a national research and documentation centre on genocide;
3° ; advocating for the cause of survivors of the genocide against the Tutsi both within and outside the country;
4° planning and coordinating all activities aimed at commemoration of the genocide against the Tutsi;
5° to liaise with other national and international institutions with a similar mission;

The National Commission For the Fight Against Genocide submits, each year, its program and activity report to the Parliament and provides copies thereof to other State organs determined by law.

The law shall determine the organization and functioning of the Commission.

UMUTWE WA V : IBYEREKEYE KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

Ingingo ya 180
(Ivugururwa n°3 ryo ku wa 13/8/2008,ingingo ya 48)

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ni Komisiyo yigenga ishinzwe gutegura no gukoresha amatora y'inzego z'ibanze, ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko, aya Perezida wa Repubulika n'aya referendumu n'andi matora itegeko ryagenera iyo Komisiyo.

Igenzura kandi ko amatora akozwe mu mucyo no mu bwisanzure.

Komisiyo y'Igihugu y'amatora ishyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika porogaramu na raporo z'ibikorwa byayo, izindi nzego ziteganywa n'itegeko zikagenerwa kopi.

Itegeko rigena ibyerekeye imiterere n'imikorere y'iyo Komisiyo.

CHAPITRE V : DE LA COMMISSION NATIONALE ELECTORALE

Article 180
(Révision n°3 du 13/8/2008 ,article 48)

La Commission Nationale Electorale est une Commission indépendante chargée de la préparation et de l'organisation des élections locales, législatives, présidentielles, référendaires et d'autres élections que la loi peut réserver à cette Commission.

Elle veille à ce que les élections soient libres et transparentes.

La Commission Nationale Electorale adresse, chaque année, le programme et le rapport d'activités au Président de la République et en réserve copie aux autres organes de l'Etat déterminés par la loi.

Une loi précise l'organisation et le fonctionnement de la Commission.

CHAPTER V : THE NATIONAL ELECTORAL COMMISSION

Article 180
(Amendment n°3 of 13/8/2008 ,Article 48)

The National Electoral Commission is an independent commission responsible for the preparation and the organization of local, legislative, presidential and referendum or such other elections the responsibility for the organization of which the law may vest in the Commission.

